# 77: Murebe urukundo rukomeye cyane

1.

Murebe urukundo rukomeye cyane
Twahawe n'Imana ihoraho
Twahinduwe abana b'Imana Ihoraho
Dukwiye kubana amahoro

Ref:

Tuzanerwa cyane mu ijuru
Tuzaririmbana n'abera
Tuzambikw'ikuzo Mur'urwo rukundo
Nta marira azaba mu ijuru

2.

Utugirire ubuntu Mana Ihoraho
Mu rugendo rwacu dufite
Utwoherereze umugisha Mukiza
Tubashe kukumenya Mana

3.

Sinshaka gukorera abami babiri
Niko gukunda isi n'ijuru
Hariho abakunda ubutunzi bwo mu isi
bakaburutisha ubw'ijuru

4.

Hariho abahamya b'urupfu rwa Yesu
Nibo barungurutse mu mva
Yesu ubwo yamaraga kuzuka mu mva
Hanyuma yagiye mu ijuru

5.

No mu gihe tugendera muri iyi si
Tuyibonamo ibidushuka
Ariko dukwiye kunesha ibyo byose
Kuko ariko Imana ibishaka.

Visit us at indirimbo.com